



MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL
RESOURCES (MINAGRI)

IMFASHANYIGISHO KU BUHINZI BWA KAROTI



SEAD
Strengthening Education for
Agricultural Development

1. NI IKI TWAKORA KUGIRANGO IMIRIMA YACU IDUHE UMUSARURO MWIZA?



- Kurwanya isuri
- Kurima bwa mbere no kurima bwa kabiri
- Hinga neza ku bujakuzimu bwa cm 30.
- Menagura ibinonko byose.
- Kuramo amabuye n'ibyatsi byose
- Koresha ishwaraga ibyumweru 2 mbere yo gutera ku butaka busharira
- Koresha ifumbire y'imborera iboze neza kugirango karoti itazigabanyamo ibijumba birenze kimwe
- Gupimisha ubutaka kugirango umenye imyunyungugu iri mu butaka bwawe

2. NI IZIHE NYONGERA MUSARURO, INGANO YAZO N'IBIKORESHO DUKENERA KURI ARI (ARE) IMWE?

Umurama	Imborera	Ishwaraga	NPK	IRE	Inkoni zifite	Agafuniko
g 6	Kg 250	Kg 25	Kg 3	kg 1.5	cm 20	1 k'amazi
					m 1	1 ka fanta

3. NI GUTE DUTERA KAROTI?

- Umurama wa karoti uterwa utanyujijwe mu buhumbikiro
- Vanga umurama n'umucanga ushyire mu duferege ku kigero cya garama 6 z'umurama kuri ari
- Renzaho agataka gake utegereje ko zimera
- Guca uduferege dufite ubujyakuzimu bwa cm 0.5-1, dutandukanyijwe na cm 20
- Vanga ifumbire mvaruganda NPK 17-17-17 udufuniko twa fanta 3 n'ibiro 3-5 by'imborera n'itaka kuri buri metero. Tegura imitabo kandi bibaye byiza yakabaye ifite ibipimo bingana
- Gutera bikorwa ku mirongo itandukanyijwe na cm 20



4. NI IYIHE MIRIMO Y'INGENZI IKORWA MU GUKENURA IGIHINGWA CYA KAROTI?


a. Gusasira:

- Shyiraho isaso ukimara gutera kugirango bifashe imbuto kumera neza.
- Uhira hejuru y'isaso kugirango bifashe umurama kumera neza.
- Kuraho isaso umurama ukimara kumera (hagati y'iminsi 7-10).




b. Kuvomerera:

- Vomerera igihe cyose biri ngombwa kugirango bifashe imizi gukura neza.
- Mu kuvomerera, hagomba kwirindwa ko amazi atosa amababi.
- Ni byiza gukoresha arozwari n'imipira



c. Kwicira:

- Karoti zimera nyuma y'ibyumweru bibiri cyangwa bitatu zitewe.
- Kubagara ni ngombwa cyane mu byumweru bya mbere
- Icira ku buryo hasigara cm 5-8 hagati y'urugemwe n'urundi na cm 20 hagati y'imirongo.
- Kwicira bikorwa iyo karoti zimaze ibyumweru bine kugera kuri bitandatu zitewe.



d. Kongeramo ifumbire no gusukira

- Ongeramo ifumbire ya ire ingana na garama 650 kuri ari imwe nyuma yo kwicira.
- Sukira imizi y'ingemwe itangiye kubyimba.

5. KAROTI ZISARURWA RYARI KANDI GUTE?

Ryari?

- Karoti zisarurwa hashize iminsi iri hagat ya 60-85 nyuma y'itera
- Karoti zisarurwa zeze neza zifite ibijumba bifite ibara rya oranje kuva hejuru kugeza ku mizi.


Gute?

- Karoti zisarurwa akenshi baziranduza intoki, ubutaka bwagombye kuba bworoshye kandi buhehereye.
- Koresha igitiyo cyangwa isuka mu gihe hakomeye



6. NI GUTE TWAKUMIRA IGIHOMBO CY' UMUSARURO?

- Kuri buri hegitari hashobora gusarurwa hagati ya toni 20-30
- Iyo umaze gusarura karoti, urazitoranya kugirango utandukanye izangiritse n'izitangiritse, karoti zibikwa neza mu bikoresho bisukuye, ahantu hadashyushye kandi hadakonje cyane kugirango zitangirika



INDWARA Z'INGENZI N'IBYONNYI BIKUNZE KWIBASIRA KAROTI

Indwara yo kubabuka amababi (Leaf blight)

- Iterwa n'agahumyo kitwa *Alternaria dauci*.
- Ibara ry'ikijuju rigenda rihinduka ibihogo ku mababi.
- Ibidomagure ku mababi, Igice cyafashwe gitangira guhisha kigatangira gusa n'umuhondo
- Guhunguka kw'amababi
- Iyi ndwara ikunda gufata cyane amababi akuze itaretse n'amato
- Ibidomo byakuze bigera ku nkondo y'ikibabi cya karoti ikanigwa, ikabora, igahunguka ku ruti
- Ubu burwayi bugaragara cyane igihe cy'ubuherehere bwinshi



Uko wayirinda

- Gukoresha umurama w'indobanure kandi wihanganira uburwayi
- Gukoresha Umurama cyangwa umwayi wa karoti wihanganira ubu burwayi;
- Kubahiriza gahunda y'isimburanyabihingwa,
- Gukora isuku ihagije mu murima no mu nkengeri zawo
- Gufata neza Karoti nko kuzibagara no kuzisukira) kugirango hatabaho iyoreroka n'ikwirakwizwa by'uduhumyo dutera iyi ndwara.
- Gukoresha ifumbire mvaruganda nke ikize ku mwunyangugu w'Azoti
- Gusura umurima wahinzwemo Karoti inshuro nyinshi

Uko wayirwanya

Tera imiti nka copper oxychloride na Thiovit (ml 37.5 z'umuti muri L15 z'mazi),

Indwara y'uruhumbu (powdery Mildew)

- Iterwa n'uduhumyo twita *Erysiphe polygoni*.
- Igaragazwa n'ibibara bimeze nk'ivu by'ikijuju bigaragara cyane cyane ku mababi
- Aya mababi ashobora no guhinduka akaba umuhondo nyuma akuma ndetse agahunguka



Uko wayirinda

- Gukoresha umurama / umwayi wa karoti w'indobanure kandi wihanganira ubu burwayi
- Kubahiriza gahunda y'isimburanyabihingwa,
- Gukora isuku ihagije mu murima no mu nkengeri zawo
- Guterasha karoti ifumbire y'imborera yaboze neza.
- Kwirinda gucucikiranya karoti

Uko wayirwanya

Gukoresha neza imiti irimo Sulphur



Bagiteri itera kubabuka kw'amababi (bacterial wilt)

- Igaragazwa n'ibibara bifite inguni by'umuhondo ku mababi nyuma bigahinduka ikigina kandi birimo amazi bikazengurukwa n'uruziga rw'umuhondo. Iyo byumye biba umukara.



Uko wayirinda

- Gutera imbuto nziza y'indobanure
- Kutavomerera hejuru ku mababi mu kwirinda ikwirakwizwa ry'ubwo burwayi
- Gusimburanya ibihingwa mu murima

Uko wayirwanyanya

Nta muti

Ububore bw'umukara (black rot)

- Ni indwara iterwa n'agahumyo kitwa *alternaria radicina*.
- Habanza utubara duto tw'ikigina tuza ku mababi tuzengurutse n'uruziga rwerurutse, tukagenda dukura tukaba ikibara cy'umukara.
- Ingemwe nto zigaragaza intege nke n'ikibara cy'umukara hejuru ku isunzu.



Uko wayirinda

- Gutera imbuto z'indobanure,
- Gusimburanya ibihingwa mu murima uko bikwiye

Uko wayirwanyanya

Gutera umuti nka acide Gibberellique

Ibibara bicukutse (Cavity spot)

- Ni indwara iterwa n'uduhumyo two mu butaka urugero nka *Pythium Sp.*
- Iyi ndwara ikunze kugaragara nyuma y'amezi atatu karoti zitewe. Bitangira ari ibibara biteye nk'igi ry'umuhondo werurutse ku ruhu rw'imizi.
- Ibyo bibara bisa n'ikijuju cyangwa umukara bikagenda bikura.



Uko wayirinda

- Gusimburanya ibihingwa mu murima
- Gutera imbuto z'indobanure
- Kudatera mu butaka busharira kandi umurima ukabamo amazi ari ku rugero
- Guhinga ubutaka burebure kugirango karoti zishore neza
- Gusarura karoti zeze ariko zitararengerana

Amasazi ya karoti (carrot rust fly)

- Ni amasazi yitwa *Psila rosae* yangiza imizi.

Uko ifata igihingwa

- Ayo masazi atera amagi ku butaka akazavukamo inyo, izo nyo zigatungwa na karoti zoroshye ziniiramo imbere mu mutima wa karoti. Ibyo bituma kuri karoti hazaho imyenge iterwa n'ayo masazi. Karoti zangizwe zihagarara gukura zigasharira zikabora. Amababi araraba, agata ibara akagwa.



Uko bayirwanya

- Gutera imbuto z'indobanure
- Gutera zidacucitse cyane
- Kwirinda kubagaza isuka cyangwa kugabanya karoti mu murima kuko impumuro yazo ikurura ayo masazi
- Kwirinda gutera ahantu haba umuyaga mwinshi kuko uzikwirakwiza ahandi
- Nta muti kugeza ubu ukoreshwa kuri karoti zagaragaje kwangizwa n'aya masazi



Icyitonderwa: Egera umujyanama mu buhinzi akubwire umuti wemewe ku isoko mu gihe cyo gutera umuti

nuffic

SEAD is funded by the Netherlands Ministry of Foreign Affairs through the NUFFIC, Netherlands Initiative for Capacity development in Higher Education (NICHE) programme, and implemented through a partnership between Rwanda Development Board (RDB) and Mott MacDonald in consortium with SNV, Delphy BV, Q-point BV, Maastricht School of Management, Stellenbosch University, Delft University of technology and Van Hall Larenstein University of Applied Sciences.



Iyi mfashanyigisho yakozwe ku bufatanye na: MINAGRI, RAB, NAEB, RDB
SEAD, UR na IPRC HUYE

